REPUBULIKA Y'U RWANDA
**KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**

==========================================

# ITANGAZO

## AMATORA YO KUZUZA INAMA NJYANAMA NA KOMITE NYOBOZI Z'UTURERE

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye amatora yo gusimbura Abajyanama batakiri mu myanya mu Turere twa **Huye, Rusizi na Gatsibo.**

**Ushaka gutanga kandidatire** ku mwanya w'Ubujyanama ku rwego rw'Akarere **agomba kuba :**
1° ari Umunyarwanda;
2° afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3° adafite imiziro iteganywa n'Itegeko Ngenga rigenga amatora
**Ibaruwa itanga kandidatire yandikirwa Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ikubiyemo ibi bikurikira**:
1° amazina y'Umukandida;
2° igihe n'aho yavukiye;
3° umurimo akora n'aho aba;
4° umwanya yiyamamariza.
**Iherekezwa na** :
1° fotokopi y'ikarita ndangamuntu cyangwa ikiyisimbura;
2° fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa Noteri;
3° amafoto abiri (2) magufi y'amabara;
4° icyemezo kigaragaza ko atafunzwe cyangwa yafunzwe, kitarengeje amezi atandatu (6)
5° Umwirondoro we wuzuye (CV)
6° Inyandiko yashyizeho umukono ihamya ko ibyangombwa yatanze bihuje n'ukuri

Kandidatire zitangwa mu buryo bw'ikoranabuhanga (online) kuri E-mail ikurikira: kandidatire@nec.gov.rw, cyangwa ku biro bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora biri mu Karere ashaka kwiyamamarizamo kuva tariki **17 kugeza kuya 21 Mata 2024.**

Bikorewe i Kigali, kuwa 16 /04 /2024

for.

**GASINZIGWA Oda**

**Perezida wa Komisiyo y 'Igihugu y'Amatora**